RADA na IFDC bahuguye abagoronomu bari muri gahunda ya CIP mu bijyanye no kubungabunga uburumbuke bw'ubutaka

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ubuhinzi RADA gifatanya n'ibigo bitandukanye mu gushyira mu bikorwa gahunda ya CIP (Crop Intensification Program). Imwe mu mirimo y'ingenzi iyo gahunda ishingiyeho ni ukubonera abahinzi imbuto nziza, amafumbire mvaruganda no kongerera ubumenyi abagoronomu mu gukoresha neza izo nyongeramusaruro.

Ku bufatanye na RADA, ikigo mpuzamahanga IFDC (Intenational Center for Soil Fertility and Agricultural Development) kibinyujije mu mushinga wacyo CATALIST bahuguye abagoronomu 20 bazahugura abandi bagenzi babo bagera kuri 350 . Abo bagoronomu nabo bakazafasha mu kongerera abahinzi ubumenyi mu kubungabunga uburumbuke bw'ubutaka.

Ayo mahugurwa yakozwe kuva kw'itariki ya 29 Ugushyingo 2010 kugera kw'itariki ya 03 Ukuboza 2010 abera mu karere ka Musanze mu Ntara y'amajyaruguru. Muri icyo cyumweru abo bagoronomu bahuguwe mu gucunga ku buryo bukomatanije uburumbuke bw'ubutaka hagamijwe kongera umusaruro ku bwinshi no ku bwiza ku buryo burambye. Ubwo buryo bukomatanije bwakozweho ubushakashatsi na IFDC mu magambo ahinnye bwitwa GIFS (Gestion Integrée de la Fertilité du sol ou ISFM: Integrated Soil Fertility Management).

Impamvu y'ayo mahugurwa ya GIFS

Kongera ubwiza bw'ubutaka no kubonera igihingwa ibigitunga hakoreshejwe uburyo bukomatanije bwo gukoresha neza ifumbire y'imborera, ishwagara n'ifumbire mvaruganda nibwo buryo GIFS ishyira imbere. Kugirango rero umusaruro w'ubuhinzi uboneka wizerwe ko uzahoraho cyangwa ukiyongera harasabwa izindi ngamba. Izo ngamba basanze ziboneka muri tekiniki na tekinoloji za GIFS kuko zishingiye mu kongera umusaruro hakoreshejwe amafumbire mvaruganda ku buryo buboneye butuma kandi ubutaka bugumana ubwiza bwabwo ndetse ahubwo bukiyongera.

Intego y'amahugurwa kuri GIFS

Abagoronomu bahuguwe basobanukiwe neza amahame y'ingenzi na tekiniki za GIFS cyane imikoreshereze myiza y'amafumbire mvaruganda ivanze n'imborera ndetse n'ishwagara mu butaka busharira, uburyo ubworozi n'ubuhinzi, ibiti bivangwa n'imyaka mu murima iyo bikozwe neza hakurikijwe GIFS byongerera umusaruro n'inyungu umuhinzi, nyamara iyo ufashe kimwe ukwacyo usanga ya nyungu igabanutse. Abagoronomu bahuguwe kandi ku buryo bworoshye bwo kubara ingano y' amafumbire mvaruganda, imborera n' ishwagara hakurikijwe imiterere y'umurima ugiye guhingwa ndetse no kubara urwungunguko.

Amasomo yatanzwe

Amahugurwa yafunguwe na D.G wa RADA /MINAGRI, Bwana Sendege Nolbert, watangiye asobanura politiki y'ubuhinzi mu Rwanda, yanasobanuye neza gahunda ya CIP ko yatangiye igamije kongera umusaruro w'ubuhinzi ku buryo bufatika leta y'u Rwanda ifasha abahinzi kubona amafumbire mvaruganda n'imbuto y'indobanure, bigakorwa abahinzi bahuza ubutaka kandi bahinga igihingwa kimwe batoranije.

Hatanzwe isomo uko ubuhinzi buhagaze mu Rwanda no muri Afurika muri rusange ndetse n'aho amafumbire mvaruganda ahurira no kwihaza mu biribwa. Basobanuriwe ukuntu ibihugu byateye imbere bigeze ku kigereranyo (moyenne) cya kg 90 kuri ha ku mwaka z'ifumbire mvaruganda nyamara muri Afurika bageze kuri kg14 gusa kuri ha ku mwaka.

Abahuguwe bagirana ikiganiro n'abahinzi batubura ibigori mu murenge wa Gataraga

Dr H.Breman ati : igiti n'itungo ni ingenzi muri GIFS

Kuvanga ibiti n'imyaka mu murima**.** Umuyobozi wa IFDC CATALIST Dr Hendrik Breman atanga iri somo yasobanuye neza isano iri hagati y'igiti n'imyaka, uburyo bwo kuvanga ibiti n'imyaka mu murima mu rwego rwa GIFS ndetse na gahunda ndumburabutaka. Ku byerekeye n'isomo ry'ubuhinzi n'ubworozi bukomatanije**,** Dr Hendrik Breman yigishije ko uburyo bwiza bwo gukomatanya ubuhinzi n'ubworozi ari ugukoresha amafumbire mvaruganda hagamijwe no kongera umusaruro w'ubworozi, icyo gihe ukabasha kunguka ku mpande zombi. Ikibazo cy'imirire nacyo kigomba kwitabwaho by'umwihariko.

Mu gusoza amahugurwa, umuhuzabikorwa wa IFDC CATALIST mu Rwanda Madame Laurence MUKAMANA yasabye abahuguwe ko bazahugura bagenzi babo basigaye nabo bakazahugura abahinzi kandi ko IFDC izabibaherekezamo kugirango ikigamijwe kizagerweho :« Kongera umusaruro tubungabunga uburumbuke bw'ubutaka ».

Reverien LINDIRO

Agronome IFDC